# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madame Jeannette KAGAME MU MUHANGO WO KWIBUKA ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI 1994 MU MURENGE WA CYANIKA, AKARERE KA NYAMAGABE

## KU WA 23/06/2012

Ba Nyakubahwa ba Ministre

Ba Nyakubahwa ba Senateri

Ba Nyakubahwa Badepite

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Dear Director and Representative of WFP in Rwanda

Nyakubahwa Mayor wa Nyamagabe

Bavandimwe mufite imiryango ishyinguye hano

Baturage b'Akarere ka Nyamagabe, by'umwihariko Umurenge wa Cyanika

Muraho!

Uyu munsi nifuje kuza kwifatanya namwe muri uyu muhango wo kwibuka ababyeyi, abavandimwe n'inshuti bishwe muri jenoside yakorewe abatutsi.

Umuntu ari I Cyanika, ndibaza ko atakongeraho "bishwe muri 94", kuko nk'uko amateka yabigaragaraje, abatutsi bo muri aka karere, bari mu bambere bazize jenoside mu gihugu cyacu kuva kera!

Abiciwe nabo, bagendanye ibyo bikomere imyaka n'imyaka, baza no kongera gutonekwa by'akarusho na jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Abacu aho bari bifuza ko buri wese warokotse yaharanira kubaho kandi neza! Ni inzira ndende igoye kandi ntibyoroshye kubona amagambo yo guhoza no komora ibikomere by'aka kageni!

Nagirango mbwire buri wese washegeshwe n'agahinda, nti "***mpore***"! nongereho nti "*mubeho*" kandi muhumure kuko turi kumwe twese nk'abanyarwanda". Nk'uko umuririmbyi Kizito abivuga, "***Tuzaba amashami y'ibyishimo yashibutse mu ishavu"!.***

Kimwe mu bikwiye kudukomeza, ni uko hashyizweho umwanya w'umwihariko wo kwibuka, kugira ngo abantu bafatane mu mugongo kandi twigire ku mateka twubake ejo hacu heza!

Ibi byose ariko, ntitwabyubakira ku mitima imwe ikinangiye, n'iy'abataratinyuka kuvuga aho abantu baguye. Niyo mpamvu nsaba buri wese uzi aho abantu baba bariciwe, kubimenyesha ubuyobozi, maze bagashyingurwa mu cyubahiro. Biraruhura kandi niyo ntangiriro yo gufasha uwiciwe kugira ngo nawe aruhuke gato ku mutima.

Ntitwabigeraho kandi, hakiri abagifite ingengabitekerezo ya jenoside!

Aha nagira ngo nisabire urubyiruko ruri aha, n'abandi badukurikiye, mwe bayobozi b'ejo! Mwamaganire kure ushaka kubazanamo ibitekerezo bibi kabone n'ubwo yaba ari umubyeyi, umuvandimwe cyangwa se incuti. Mwigire ku mateka yacu mabi n'ameza maze mwubake u Rwanda rwiza rutubereye.

Ubundi *incuti y'ukuri uyimenyera mu byago*. Niyo mpamvu Umuryango Unity Club, twasanze ari ngombwa kubegera kugira ngo tubagaragarize ubuvandimwe tugamije kudaheranwa n'agahinda.

Kimwe mubyo twari twiyemeje gukora rero mu rwego rwo kubafata mu mugongo, ni ugutera inkunga igikorwa mwari mwaratangiye cyo

gusubiza abacu agaciro n’icyubahiro bambuwe; none dufatanije, tubigezeho!

Uru rwibutso ruzabere abana bacu ahantu ho kwibuka Jenoside ndengakamere yabaye, maze bakuremo isomo ko itazongera na rimwe bajye bahava biyemeje kuba imbuto y’ubunyarwanda no kuyibiba aho bagenda hose.

Guha abacu agaciro ariko bijyana n’ibindi bintu bitandukanye kandi by’ingenzi:

Aka karere mbere ya 1963, kari kazwiho amajyambere no kuba abagatuye bari abakozi cyane! Ni ngombwa rero kongera kwiyubaka no kongera gususurutsa aha hantu. Niyo mpamvu nk’Umuryango Unity Club, ubwo twasuraga imidugudu ya ***Kinyinya*** na ***Birambo*** muri 2010, twasanze ari ngombwa ko hajyaho gahunda y’isanamitima, riherekejwe n’ibikorwa by’iterambere. Iyo gahunda ikaba umusingi wo kongera kubaka ubunyarwanda bwabuze, muri iriya myaka yose.

Ni muri urwo rwego twifuje ko habaho gahunda twise “ ***Food for new Village”*** mu kinyarwanda nabyita “***Ifunguro ry’umudugudu mushya!”:*** ni umushinga twakoreye ubuvugizi dufatanije n’Umuryango wa PAM maze uterwa inkunga na Guverinoma ya Koreya y’Amajyepfo .

Twatekereje ko byaba byiza tubazaniye ifunguro risana imitima, rikamara inzara ku buryo burambye, kandi rikabavana mu bwigunge.

Usibye uru rwibutso, uyu mushinga uzibanda k'ubworozi n'ubuhinzi, hazubababakwa Ishuri ribanza, inzu y'ibiganiro n'umuco ugamije kwimakaza ubunyarwanda, cyane cyane mu rubyiruko.

Hazaba kandi ibikorwa bigamije kuvugurura imiturire no kubona amazi asukuye bityo abantu bagahurira ku mariba meza nk'uko kera byahoze bahurira ku mariba yo muri aka gace nka " ***Kunyu***" na "***Murwa***".[1]

Nsoje nongera kwihanganisha abafite imiryango yaguye hano ndetse no mu gihugu cyose mbasaba gukomeza guharanira kubaho.

Abitabiriye uyu muhango twese, nagira ngo mbasabe gukomeza gufashanya mu gusana imitima no kubaka umuryango nyarwanda muri rusange.

Dutoze abana bacu indangagaciro nyarwanda zirimo kubana neza, birinda amakimbirane ayo ari yo yose. Tubatoze ubupfura, kuvugisha ukuri no kwimakaza ubunyarwanda mbere ya byose. .

Dutsinde urwango dutsinde ishavu, tuganire amahoro, twigire ku mateka, twubaka ejo hazaza!

Muhorane umugisha w'Imana!

---

[1] ***Kunyu, Murwa na Ntaresi ni amariba yari ku ruzi rwa Rukarara, azwi kuba yarahuzaga Bufundu na Bunyambiriri ari naho bashoraga inka, nyuma ayo mariba yaje kujugunywamo abantu benshi guhera muri 1963***